

1

K0165011

IDENTIFICATION : RTLM 0289 7/12/93

DUREE : 90 MIN.

QUALITE : MAUVAISE

TRANSMISSION : RTLM

DATE DE TRANSCRIPTION : 28/11/2000

NOM DU TRANSCRIPTEUR : ICYITEGETSE Drocella

NOM DU FICHIER : rtlm289.WPD

DICTAPHONE : SANYO  
Modèle : TRC-8080  
N° de série : P9407754 F

---

**RESUME DE LA CASSETTE N° 0289**

- FACE A:**
- \* Noël HITIMANA, journaliste de la RTL M parle d'un coup d'Etat militaire en cours de préparation au Burundi.
  - \* Conférence de presse à l'intention des journalistes rwandais avec les leaders du parti CDR.
  - \* Kantano HABIMANA parle du regroupement de la population selon les ethnies au Burundi.
  - \* Interview de BIKOMAGU, chef de l'Etat-major de l'armée burundaise par des journalistes rwandais.
- FACE B:**
- \* Suite de l'interview de BIKOMAGU
  - \* Kantano HABIMANA parle de la situation politique au sein des partis politiques au Rwanda.

**FACE A.**

**Orateur : Noël HITIMANA, journaliste de la RTLM**

... (inaudible) abari kubikurikiranira bari kumva Radio Bu... Bujumbura n'andi maradiyo, bamwe baravuga bati "uwitwa Liyetona Koloneli DARADANGWA Jean, Porte-parole, him, ari we ee... ugi... uvugira ingabo z'u Burundi, Porte-parole w'ingabo z'u Burundi yaba ashaka kurara akoze coup d'Etat. Coup d'Etat ye! Abafite ubushobozi rero ubu barimo barabyumva. Hum! Nibabe maso bagire icyo bakora. Naho ubundi ibyo mu Burundi ni akaduruvayo n'ubundi ... (interruption) ... yaravuze ati "bamaze... gushyingura ba Nyakwigendera Perezida NDADAYE na bagenzi be", ati "abaministre bo mu gice kimwe cya FRODEBU bihutira kujya muri Hôtel Source du Nil guhita bakora inama", ati "naho abasirikare na bo b'abasore koko barebare" ati " na bo bagenda bameze nka... him nk'abafite indi migambi yabo na bo baragenda". Murumva rero ..." ati "ejo navugaga ko ati... atabyumva neza, ariko kandi niba... uriya Liyetona Koloneli DARADANGWA Jean, Porte-parole ee... w'ingabo z'u Burundi koko iyo migambi ayirimo urumva ko ibuye ryamenyekanye ubundi ntiriba rigomba ku... kwica isuka.

Dukomeze. Dukomeze... twumva ibibazo, ibibazo byabarijwe muri iyo conférence de presse, nababwiye ko turumva bike kuko byari byinshi. Byari byinshi, abanyamakuru iyo babonye akanya ko kubaza barabaza. Twumvemo bike hanyuma dukomeze porogaramu zacu nk'uko twabibabwiye saa yine n'ubundi ndibuze kubasezeraho natwe tujye gufata ikiruhuko cy'umugoroba, hum, nk'uko... musanzwe mubimenyereye.

**Orateur : Journaliste non identifié**

Bwana Perezida wa CDR mumaze kutubwira ko mufite rwose ibimenyetso simusiga byemeza ko FPR ari yo yaba ikurura umutekano muke mu iki gihugu. Ese ko MINUAR iherutse gutangaza ko nta cyemezo kigaragara ya... ko yahamya FPR, mwe mushingira ku ki kugira ngo muyemeze?

Akandi kabazo ka kabiri: Ha... mu myanzuro, umwanzuro wa kabiri murahamagariza ingabo gufata ibyemezo bihamye. Ese ku bwanyu ibyo byemezo byaba ari izihe... ari ibihe? Aho ntimwaba mushaka ko twasubira mu mirwano? Murakoze. (Petit moment de silence)

**Orateur : KAGINA Jules Maurice, journaliste de Radio Rwanda**

Murakoze. Nitwa KAGINA Jules Maurice, nkaba ndi umunyamakuru wa Radiyo Rwanda.

Ikibazo cya mbere: Nyakubahwa Perezida w'ishyamba CDR mu... ziriya ngabo mpuzamahanga zitagira aho zibogamiye ari zo MINUAR mu magambo ahinnye y'igifaransa ziracyakora anketi. Ese anketi zikora, nk'uko mwe mumaze kubitangaza uruhare FPR igira mu kwica abaturage b'inzirakarengane, MINUAR iramutse ibareze ivuga yuko muyivangira mu kazi mugatangaza ibintu yo nta cyo irabigaragazaho, urwo rubanza mwiteguye kuruburana?

Ikibazo cya kabiri: Hari conférence de presse yigeze kubera muri Hôtel Méridien Umubano. Muri icyo conférence de presse yari yakoreshejwe na MDR TWAGIRAMUNGU Ministre w'Ububanyi n'Amahanga GASANA yavugaga ko buriya bwicanyi bukomeje kubera mu turere tumwe na tumwe tw'u Rwanda, cyane cyane yibanda mu turere tw'amajyaruguru ngo ari uko nta Baperefe bumvikanyweho n'impande zombi bari bashyirwa muri utwo... muri izo préfectures. Ese murumva koko ari wo muti? Murakoze.

**Orateur : BUCYANA Martin, président de la CDR**

(Toussautement) ... byo hari ikibazo cya mbere avugaga ati " muravugaga ko mwebwe mufite ibimenyetso bigaragaza ko ariya marorerwa akorwa na FPR". Ati "ariko MINUAR yo ikavugaga ko itarabibona. Ubwo... mwabisobanura mute"?

Twebwe nk'uko nabivuze ibimenyetso biragaragara. Ibimenyetso biragaragara, gusa MINUAR yo mumenye ko ari Umuryango mpuzamahanga wo ufite ukundi ukora, kandi MINUAR ntabwo ari Abanyarwanda. Twe rero Abanyarwanda ibimenyetso turabifite. Ibimenyetso byerekana ko ari FPR uzajye mu Ruhengeri, uzajye muri Komine Mutura ubaze ababikorewe, bazakubwira ko

babonye ari Inkotanyi, barazizi. Mu Ruhengeri barazizi zararwanye, barababonye, babonye n'uko bareshya, babonye n'uko bambara n'ibintu byose. Abo bantu rero igihe baje mu baturage abaturage bakababona bati abatwishe ... abatwiciye abantu ni aba, twe dusanga icyo kimenyetso cyonyine gihagije, nta bindi MINUAR yagombaga gushakisha abaturage igihe babyemeje kandi bigaragara ko hari impamvu. Impamvu yatuma FPR ibikora.

Nk'ubwo baravuze bati "biriya bintu byakozwe byo muri... Superéfegitire ya Kirambo cyangwa ya... mu... muri Komine Mutura" bati "byakozwe na CDR, byakozwe na... na MRND". Mais, urumva ko ibyo bintu ari ibinyoma. MRND ntabwo ari yo yaza ngo yiyicire abayoboze, ntabwo bishoboka. Ntabwo byari ngombwa, niba yarashakaga no kugira... kugirira nabi abantu yari kureba a... abantu ba FPR!

Bon, ikindi CDR, bavuze kuva kera kandi du... dukomeza kubishimangira, twe amasezerano y'amahoro akubiyemo ingingo tutemera. Ingingo zimwe na zimwe ntitezemera. Ariko twavuze yuko kandi twarabi... twabivuze kenshi ko tutazarwanya ayo masezerano, ko twebwe tuzigira muri opposition tukareka abayashyizeho umukono bakayubahiriza, tukareba ukuntu bayubahiriza. Biragaragara ko bitangiye kubananira kubera ko n'ubundi izo ngingo zi... zimeze nabi. Ariko donc mu... muri CDR twaranabivuze kenshi uzagenda agahungabanya umutekano avuga ngo ni "CDR iri kuwuhungabanya" ngo "ni uko iri contre amasezerano y'amahoro", uwo azaba abeshyera ishyaka CDR. Azaba aribeshyera, uwo azaba atari Umusederi, azaba ari Inkotanyi yihinduye.

Ubwo rero ... ntabwo CDR rero nta... mpamvu ni imwe yashoboraga gutuma CDR ikora ibyo bintu. MRND na... na yo nta mpamvu ya... yagombaga kubikora kandi abaturage ntibibeshya, nta wundi wa... wari ufite impamvu mbese ngo ashake ubutegetsu bwose none akaba atarabubonye ni FPR. Nk'ubu FPR, twebwe abaturage bese twabajije bese barabyemeza ari aba... ari abiciwe abantu ari n'ababonye bahita. Nk'abagiye muri Mutura abaturage bese barababonye bahita. Uretse ko wari kumbaza ... ati ... wari kumbaza uti kuki ingabo zacu zitarebye uko za... zabazitira? Icyo ni ikibazo cy'ingabo muzakibaze abashinzwe ingabo. Naho ubundi barababonye.

Bon, ikindi ... icya kabiri ndagira ngo... Stanis agisubize ...

**Orateur : Stanislas SIMBIZI, de la CDR**

Murakoze. Bwana Ru... mbaza ... mu guhamagarira ingabo gufata ibyemezo bihamye, ati “aho si ukuzihamagarira gushoza imirwano”?

Mu by’ukuri iyi ntambara twarayikururiwe, nitwayikuruye. Uwayishoje icyo yashakaga kugeraho mwese mwarakibonye kirumvikana, ntarakigeraho kandi aracyagishaka. Nakomeza se kutwica uruhongohongo? Ejo yishe mirongo itatu na batanu, ejobundi yishe mirongo ine, ejobundi yishe mirongo itanu, n’ubwo turi miliyoni zigera kuri... zirindwi ndumva hatashira umwaka Abanyarwanda badashize.

Ingabo z’u Rwanda rero zibereyeho iki? Zibereyeho kurengera abaturarwanda. (Inaudible) ... aha nizibara zigasanga gukomeza gutegereza ngo dushire no kwemera zigakora akazi zishinzwe ubwo nawe urumva icyo zahitamo. Icyokora ibyo ari byo byose ntabwo biriya bikorwa bya FPR bya... nk’uko yibeshya ngo bizatuma turakara noneho ni... nitwitabara amahanga avuge ko twarenze ku masezerano y’Arusha, ikibazo ni uko nta Guverinoma tugira, ariko amashyaka ya politike yemera Repubulika kandi koko ayirwanirira yari akwiye gusobanurira amahanga, agakora ibyo Guverinoma idashaka gukora, amahanga yose akabimenya kuko ni yo FPR ishaka kubeshya. Akabimenya ndetse na MINUAR ibyo ihisha bikamenyekana hose noneho twakwitabara ibyo FPR yashingiragaho ngo bazagira ngo ni twe tubateye amahanga yose akabibona ko ari bo badushotoye. Ibyo ngibyo ntabwo ingabo zizabyifashamo natwe tuzazifasha n’andi mashyaka ashyigikiye demukarasi azazifasha asobanurire amahanga, iyo ntambara y’amagambo natwe tuyirwane, ingabo z’igihugu zirwane intambara y’amasasu. Murakoze.

**Orateur : BUCYANA Martin**

Ee... mu by’ukuri kuri icyo kibazo ndagira ngo nongereho akantu. Ibyo Stanis amaze kuvuga ni byo, ariko ntimuve hano mutekereza ko ishyaka CDR ryifuza ko hakuburwa imirwano. Ubundi twe muri CDR dusanga kugira ngo hataba imirwano, iyo mirwano itubura ni uko hagira uburyo FPR yumva ko itagomba ku... kujya mu mirwano. Kuko niba... turamutse tuyiretse igakomeza yica abantu ahubwo ni byo byazana imirwano. Ni yo mpamvu rero ibyo tubwira ingabo z’igihugu

ndakeka... nisisoma iri tangazo ryacu zizabyumva ari zo zishobora kureba ibikorwa byakorwa kugira ngo FPR yumve ko idakom... ko itakomeza gusagarira abaturage, ariko ntabwo twifuzza ko imirwano yakubura. (Des chuchottements). Kuri iki... icya kabiri ... (inaudible)

Ndagira ngo... Bosco asubize ikibazo KAGINA yabajije avuga ko MINUAR mu... muri za ankete turi kuyivangira ko ishobora kuturega.

**Orateur : Jean-Bosco BARAYAGWIZA, de la CDR**

Yee, wabajije koko uti “MINUAR iriho irakora ankete, none namwe murahamya kandi ankete zitararangira. Ndibwira ko twebwe turi Abanyarwanda dufite uburenganzira bwo kugira igitekerezo tugira ku byo mu gihugu cyacu. Ntabwo rero twavugaga ngo nta cyo twavugaga ngo ni ukubera ko ankete zikiriho. Ntabwo... tugiye kubwira MINUAR ngo genda wemere ibyacu ari byo ukoresha, ariko natwe ahubwo tuzishima MINUAR ije kutubaza. Uti ko mwavuze koko yuko Inyenzi ari zo ziri kwica bariya bantu, ibyo bintu mu... mubishingiye... bishingiye kuki? Mufite ibimenyetso? Bazaze kutubaza ahubwo tubibahe. Naho kugira ngo bagiye kuturega, bazaturega se bavugaga ngo iki? (Aseka) Ngo twavuze yuko Inyenzi ari zo ziri kwica abantu! Ibyo nibajya kubituregera tuziregura.

Ariko ndashaka... kugira ngo ngire icyo mvugaga no ku kibazo cya mbere gisa n'igifatanye n'icyo ngicyo buriya byo kuvugaga ngo “ibimenyetso simusiga” muzi ko ari bintu bisa n'ibyabaye mythes, ibimenyetso simusiga, ibimenyetso simusiga se ni iki? Ni ugufatira umuntu mu cyuho se? Ni ukumufata yamushyizemo inkota se cyangwa ari kumurasa ako kanya? Ni cyo kimenyetse simusiga?

Ngira ngo ku bantu bize amategeko cyangwa se ee... bamwe muri mwe bajya bajya hariya aho bacira imanza i Nyamirambo muzi ko ibimenyetso ntabwo ari ugufatira mu... umuntu mu cyuho gusa, hari ibimenyetso by'ubwoko bwinshi. Hari icyo bita “présomption” mu gifaransa. Présomption ibyo ni ibintu umuntu ukora ankete cyangwa se uca imanza atekereza akurikije ibindi bimenyetso afite bitari bya bindi byo kumufatira mu cyuho. Akavugaga ati “ziriya Nyenzi ni zo ziba

muri zone tampon zirirwa zidegembya zi... zi... zishotora abaturage. Ziriya Nyenzi ni zo zica abantu zibaziritse. Ni Inyenzi zibikora. icyo ni ikimenyetso cyazo. Ziriya Nyenzi ni zo zica abantu zikabasatura, zikaba...tema amajosi, zikagira zite”. Nta na rimwe ari... za Nterahamwe bavuga, ari... Impuzamugambi bavuga, ari n’ingabo z’u Rwanda nta na hamwe bigeze kwerekana ngo... ngo ingabo z’u Rwanda zica abantu gutya. Ibyo tubizi ku Nyenzi.

Ikindi kandi kimenyetso kigaragara gikomeye na Perezida yakivuze: abaturage barazibonye. Abaturage bo bi... biciwe barazizi, barabivuga! icyo ni ikimenyetso bita “témoignage”. icyo namwe murakizi yuko ari kimwe mu bimenyetso bakunze gukoresha. Ibyo byose birahari. Kugira rero ngo MINUAR igiye gushaka ibindi bimenyetso, ubu se izabafatira mu cyuho baragiye? Kereka niba izategereza yuko bazaza kwica abandi bantu noneho ikabatega i... ikavuga iti ndabafashe.

**Orateur : BUCYANA Martin.**

Ha... hari... hari ikibazo cya ka... cya kabiri cya KAGINA yavuze ngo yagiye muri conférence de presse ya TWAGIRAMUNGU, ngo hanyuma ngo Ministre GASANA ngo “akavuga” ngo igi... “igitera iriya insécurité muri iriya zone de combats” ngo “ni uko hatari abaprefe bumvikanyweho na FPR na Guverinoma”. Ndateka ko ari uko kimeze. Ibyo nje sinshobora kubyemera ntabwo nsanga a... a... ari byo. Kereka niba GASANA yashatse kuvuga ko abo baprefe ari bo bica abantu. (Des rires des auditeurs) Ndateka ko atari byo yavuze!

Donc, ahubwo icyo GASANA yashakaga kuvuga, bariya bantu ni abantu bakorana n’Inkotanyi. Barifuzaga ahubwo ko hajyaho abaprefe b’Inkotanyi. Bigomba kuba ari byo ba... bashatse kuvuga, naho ubundi ku... kuvuga ko iriya insécurité yakizwa n’uko haba abaprefe bumvikanyweho ngo na Guverinoma y’u Rwanda na ntuzaga, ntabwo... ntabwo bihagije. Kuko muri Ngenda, hari a... ha... ntabwo yigeze avugaga ko no... no muri Ngenda hari hakwiriye umuprefe wumvikanyweho na Guverinoma kandi na ho habaye ibyo bintu. Muri Taba ejobundi byarahabaye. Hari umuprefe w’umu MDR. Donc, ntabwo rero ikibazo cy’abaprefe ari cyo kibazo cyatuma iriya insécurité

ibaho, ahubwo ibyo byari ukugira ngo bahishire FPR, bashake kwerekana ko FPR itabirimo kandi ari yo ibirimo.

Twe rero ntabwo twemera ko icyo cyaba ikibazo, uretse ko na none ahatari prefe twifuza ko hajya abaprefe ariko binyuze ... binyuze muri voie démocratique nk'uko byari bigiye gukorwa, hakaba amatora amashyaka yose agatanga umukandida noneho utowe akaba ari we uba prefe. Ariko FPR ntigende ngo yihererane n'iyi Guverinema ifatanyije na yo, d'ailleurs twabivuze muri communiqué yacu, ifatanyije na yo ngo bagende bashyi... bazadushyiriraho Inkotanyi noneho hazicwa ahubwo aho kwicwa mirongo itanu hazicwa amagana!

- Oui.

**Orateur : Non identifié**

Ee... mfite akabazo kamwe, murasaba ko Guverinoma ya Madame uwilinga... UWILINGIYIMANA Agata yakwegura. Nyamara iyo ushishoje ntabwo yago... yagombye kwegura gusa idashyikirijwe ubucamanza. (Des rires et applaudissements des auditeurs) Ingero ni nyinshi. Ingero ni nyinshi: iriya Guverinoma ibundarayemo ibisambo gusa. Iriya Guverinoma yicishije ibintu n'abantu. Iriya Guverinoma yaciye imiborogo mu Banyarwanda. Mwebwe muri CDR murateganya iki mu gusezerera ma... nako mu gusezera kwa... kwa Guverinoma? Mwari mufite avocat uburanira inyungu za rubanda nyamwinshi, uwo avocat nta cyo atega... nta cyo... ateganya ko twamwunganira tukamuha ibimenyetso simusaga? Murakoze.

**Orateur : François RWABUTOGO**

Nitwa RWABUTOGO François, La Médaille NYIRAMACIBILI.

(Déroulement de la bande magnétique)

**Orateur : Noël HITIMANA, de la RTL**

La Médaille NYIRAMACIBILI wagira ngo twari twasezeranye ngo (déroulement de la bande)

baba bagira ibitero byabo, baba bashaka kugaba cyangwa bakagira ... (interruption). (intermède musical)

**Orateur : BARAYAGWIZA J. Bosco**

... twa inkiko, ndetse n'iy'aba... n'iy'abaje imbere ari NSENGIYAREMYE. Uribuka ko wowe RWABUTOGO ugomba ku... kuba ubizi no kuturusha kuko ari mu karere k'iwanyu, igitero cya... cyo ku itariki ya munane y'ukwezi kwa kabiri muri mirongo cyenda na gatatu ni NSENGIYAREMYE wagisabye gusa na Guverinoma ye! Uwo muntu na we agomba gucirwa urubanza rukomeye n'abo bari bafatanyije yenda n'abari imbere ye. Abari imbere ye hari... ba NSANZIMANA bavuze ngo "ibyitso" ngo "ntabibaho". (des rires d'un auditeur) Uwo na we twari dukwiye kumucira urubanza tukamubaza (aseka) uko yazanye icyo kintu. Uzi kandi ibyago cyaduteje. Hari n'abandi benshi bagomba gucirwa imanza. Abo bose nubatunga agatoki ahubwo ni ugushyiraho inkiko nyinshi.

Bon, ikibazo cya Noheli sinzi niba nacyumvise neza, aravuga ati "andi mashyaka afite milices. Hari aba JDR, hari Abakombozi ngo "hari n'aba... Abayoyi ntazi"

**Orateur : Non identifié**

(inaudible)

- A... ee...

**Orateur : Noël HITIMANA**

Abajyojyi ni (inaudible)

- Abajyojyi. (voix superposées, rires)

- Ahubwo hari... hari... na escadrons du... euh... de la mort z'Inyenzi. Na zo zirahari. Zirahari Inyenzi abantu zishe murabazi ni benshi cyane. Ukibaza uti ese ko CDR yo itagira milices ibyo bavuga yuko abasirikare bose ari Abasederi ni byo? Sinzi Noheri icyo kibazo ari uko nguko wa... washatse kukibaza. icyakora icyo nzi, njyewe ndi umuntu w'amategeko nkunda gukurikiza amategeko cyane, abasirikare bibujijwe ko bajya mu ishyaka. Birabujijwe rwose. Ariko ntabwo bibujijwe ko umusirikare yakwikundira ishyaka ashatse akaba sympatisant, ibyo bibaho.

Ikindi kandi nakongeraho ni uko twebwe twavuze tukivuka yuko abasirikare kubera cyane cyane ari bo barwanye ku iki gihugu kuva tugiterwa kandi ari na ko kazi kabo, twavuze ko ari alliés naturels, sinzi ukuntu nakivuga mu kinyarwanda, ni alliés naturels b'i... b'Impuzamugambi. Ibyo na byo kandi barabyemera. Benshi barabyemera usibye ko harimo bamwe basa n'abahinduye ibitekerezo, abo ngabo na bo bakaba bafatanyije na bamwe bari muri za guverinoma ariko abasirikare benshi, benshi ni alliés naturels wa CDR kuko biyemeje kurengera iki gihugu, kurengera Repubulika, kurengera abatwarwanda. Ni aho duhuriye. Nta milices dufite muri CDR ariko ee... igihe cyo kwirwanaho icyo gihe twese Abanyarwanda bo... twese, Impuzamugambi, rubanda nyamwinshi yose ihagurutse, kandi yarahagurutse koko ee... tuzatsinda iyi ntambara.

**Orateur : Martin BUCYANA.**

Kuri icyo kibazo cy'abasirikari nk'uko Bosco amaze kubivuga ce sont nos alliés naturels kandi twakunze kubivuga muri mitingzi zacu tukivuka koko twebwe twavugaga ko barwana intambara y'amasasu natwe tukarwana intambara politique ariko dufite objectif imwe.

Igihe rero abantu bahuje obje... objectif baba begeranye. Ni ngombwa rero ko abenshi mu ngabo nk'uko Bosco yabivuze ntabwo bagomba gufata amacarte y'ishyaka cyangwa ibiki, ariko birumvikana ko igihe... re... dufite ... twebwe dusanga dufite umwanzi umwe, abantu buzuzanya. Ntabwo rero Noheli wa... wagenda uvuga ko ingabo z'u Rwanda ari iza CDR, ntabwo ari byo, ntabwo ari byo ariko gusa nta wabuza ingabo gu... kugira... kugira sympathie kuri CDR kuko duhuje objectif yo kurwana kuri Repubulika.

Ndabona ahari nta kindi kibazo ku byerekeye umutekano. Ndumva nta we tuniganye ijambo. Nkaba ... nkaba nongeye kubashimira kuba mwaje muri iyi conférence de presse yacu. Nkaba kandi nizeye ko... ibyo twavugiye aha mwagerageza mukabi...shyira ahagaragara abantu bakabyumva, bakumva ko ishyaka CDR ryamagana cyane Inkotanyi, ubwicanyi bw'Inkotanyi ko tubwamagana cyane, ko kandi tutifuza ko intambara ya... yakongera kuba, ariko ko bigaragara ko FPR iramutse ikomeje biriya bikorwa Abanyarwanda kandi rubanda nyamwinshi na yo ntiyasinzira, na yo ishobora guhaguruka. Ni yo mpamvu rero twifuza ko mwabi...vuga cyane kandi tukaba dusaba abademocrate bese kudufasha kwamagana biriya bikorwa bibi by'Inkotanyi byo kuniga abantu b'inzirakarengane.

Nkaba nongeye kubashimira. Murakoze. (Indicatif de fin d'émission)

**Orateur : Kantano HABIMANA, journaliste de la RTL**

... none rero bamaze ukwezi kurenga nta kazi gahari. Hagati aho rero havutse ... birumvikana iteka iyo ahantu hatagira ubutegetsi ni ko ibintu bigenda, havutse ibintu by'ibibandi bya kabutindi by'ibyihebe byitwaza uburyo bwose, mu moko yose kandi, ku buryo iyo uguye mu gatsiko k'Abatutsi b'ibygomeke aho ngaho nyine uhasiga agatwe, na none wagwa no mu Bahutu na none bigize abapolisi, bigize iki na none ugasanga na none urahaguye. Ibyo rero ... icyo kintu cy'ububandi cyadutse i Bujumbura ni cyo kintu mbese urebye gi... na cyo gihangayikishije abaturage kuko batazi neza muri abo babandi abo ari bo neza. Ubwo rero icyo kintu nyine ni ikintu gikomereye cyane abantu b'i Bujumbura.

Mu giturage rero, mu giturage ahantu twagiye tunyura urebye mu giturage muri za Province Kayanza na hehe hose kuri... basubiye ku mirimo ee... basubiye ku... ku mirimo, imirimo y'abaturage ni uguhinga, ariko rero hari impunzi z'Abatutsi ee... nazibonye... ahitwa... nazibonye hehe ra? Ee... ntabwo nibuka neza, ntabwo mpabona neza ariko u...renze mu Kayanza hafi y'ahantu bita ee... mu Bugarama aho rero hari impunzi z'Abatutsi zahungiyeye mu mashuri zirinze n'abasirikare. Ab'Abahutu birumvikana bo bahungiyeye hakurya y'a... y'Akanyaru. Ariko rero iyo urebye urabona abaturage basurana, bagemurirana inzoga ku buryo ubona mbese bitangiye

kumera neza.

Ku muhanda na ho nta mazu yangiritse uretse ko ee... abantu batangiye kugarukamo buhoro buhoro bakibaza mbese uko ibintu bimeze. Muri make rero nguko uko umuntu abona ee... muri Bujumbura no mu giturage aho twageze bimeze. Mu kanya rero turagera noneho kwa BIKOMAGU.

Mukomeje kumva Radiyo yigenga RTL M ubu ndimo ndabagezaho i... uko i Bujumbura bimeze, twari tuvuye no kureba uko mu giturage bimeze no mu muji i Bujumbura, dore yuko i Bujumbura nk'uko Abanyarwanda nyine bamera n'Abarundi ni ko bameze, iyo umuntu umubwiye uti makuru ki arakubwira ngo ni meza, ariko wabireba neza ugasanga mu by'ukuri hari ikintu cyihishe inyuma, cyane cyane gikubitiraho ko n'ubutegetsu nta buhari noneho ugasanga ibintu bikomeye.

Ku byerekeye rero ubutegetsu mbere y'uko tugera kwa BIKOMAGU, ubutegetsu mu Burundi mu by'ukuri bwahungabanye cyane uherye i Bujumbura. Abaministre bari muri ... abaministre ntabwo bakorera muri za Ministeri zabo, bakorera mu Ihoteli yitwa Club Tanganyika. Muri iyo Hoteli rero barimo harinzwe n'Abafaransa, ariko Abarundi ni abakenya, bazi ubwenge, Abafaransa mu... bon, murebe noneho mwishushanyirize murebe abantu bari mu ihoteli, Abafaransa bari inyuma, noneho abasirikare b'i Burundi rero BIKOMAGU nyine wumve ukuntu ari u... ari umunyamayeri baragiye ntibabegera ariko inyuma ya Club Tanganyika hose bacukuramo imyobo ku buryo iyo Abafaransa bagiye ku... kurinda Abaministre ba... b'aba... b'Abarundi basigaye abasirikare b'Abarundi noneho baza kubarindira hamwe ku buryo hari n'ubwato bw'intambara mu mazi, ku buryo ure... urebye rero nta wamenya niba abo Bafaransa barinze Guverinoma, niba abo Bafaransa barinzwe ahubwo na... n'abasirikare b'Abarundi, ahubwo nyine ni abantu ureba ukabona bari mu kaga.

Ku byerekeye ingabo z'amahanga rero muraza kumva BIKOMAGU abivuga, izo ngabo ntazishyigikiye kuko we ngo ntiyumva icyo zakora kenshi usanga yitabaza ngo Guverinoma ngo Guverinoma.

Na none rero ikibazo cya Guverinoma, Ministre w'Intebe aravuga ati "musohoke muri ... mujye muri za Ministeri". Ariko mwumve aho akaga kari. Mpereye nko ku rugero rwa Sylvestre NTIBANTUNGANYA ubu wabaye Président wa FRODEBU a.i, yasimbuye rero Nyakwigendera Melikiyoro NDADAYE, ubu ni Ministre w'Ububanyi n'amahanga, ariko mwibuke ko ubu Sylvestre NTIBANTUNGANYA bohereje abasirikare mirongo itanu kumushaka bageze iwe bamubuze bararira. Bararira, barasizora bati "ntibishoboka n'iyi tumubona ahubwo abandi bose tukababura". Murabyumva. Ubwo baragenda bagarutse kureba ko yagarutse bamubuze ni bwo bishe umugore we n'undi muturanyi wari uhari, uwo mu... umugore wundi w'umuturanyi. Ubwo baragenda agahinda kabamaze.

Ubwo rero Sy... Sylvestre NTIBANTUNGANYA n'ubwo agenda, n'ubwo agenda bwose dore ko ari Umuhutu uyu nguyu utana... unamenya no mu mwijima, n'ubwo agenda bwose ariko afite ubwoba. Atari uko bakeka yuko yazanamamazwa akaba Prezida wa Repubulika kuko ngo abikwiriye cyane, ariko we afite ubwoba kuko abamutumye abo bantu kubica, nako kumwica baraha... baracyahari, abaje kumuhiga baracyahari, abamwiciye umugore nta n'umwe urafatwa, ni na cyo gituma bashyingura imirambo yavuze ati "nawe mugore wanjye urabeho". Ni nk'aho yavuze ati "iyi mva ee... iyi sanduku ni njye uba uyigiyemo, ni njye uba winjiye aha, none ndavuga wowe uragiye umbereye igitambo". Uwo muntu se mwumva yakora ate? Yashyitsa umutima hamwe ari uko abamwiciye umugore amenye ko bafashwe, ari uko abamutumye kwica umugore we ari uko bafashwe.

Nyuma rero Guverinoma na yo yacitsemo kabiri kuko ibintu bireba amoko murabona ko Sylvia KINIGI agenda agoragoreza ku bwoko bwe kuko na we atinya abasirikare ibyo ari byose n'ubwo ari basaza be ariko rero arabatinya kuko ni bo ba... urebye bafite ubutegetsi. Ee... hanyuma rero urumva ko agenda agerageza ku... ku moko nyine guhengama, guhengamira ku bwoko bwe birumvikana, abandi na bo ntibamushire amakenga bati "abo basaza bawe kuki utabafatamo ngo ubashyire mu buroko"? Noneho ibyo bavuze kandi nta wizera ko undi atabijyana ku bandi ku buryo nta byemezo byafatwa. Noneho rero ubutegetsi bwose bukagenda bushonga, bushonga ku buryo urebye kugira ngo buzafate ni hamana, ku buryo hari n'abavuga bati "ibyo ari byo byose uwari wakoze iyi Guverinoma ni NDADAYE, ni we wari umuhuza, none ubwo atagihari ibyiza

ni uko byose byasambuka noneho tugakora ibindi bishyashya”. Ibyo se bishyashya byakorwa na ba nde ko ee... ingabo zikiri uko zari zimeze zo zikibafiteho ee... ikintu cy’igitugu?

Icyo kintu rero ni cyo... ee... ni cyo cy’i... cy’ingorane ariko na none, muri Guverinoma na none hari ikindi kibazo cya PALIPEHUTU, cya PALIPEHUTU kuko abantu nk’uko babyemera mu Burundi baravuga bati “iyi PALIPEHUTU iza kwemerwa mu mategeko ntihemerwe FRODEBU PALIPEHUTU yari gufata amajwi ya FRODEBU. Ubwo rero bakavuga bati “ee! Ee! Ee! Noneho ubwo FRODEBU ihungabanye se, aho si wo mwanya noneho PALIPEHUTU igiye kubona wo kuza noneho gufata imyanya cyangwa se no kuvuga iti ba Rutemayemeze bari baradutwaye ibintu byacu, none hinga tuzemo”. Ukumva rero na none ikibazo cy’Abahutu n’Abatutsi kigiye ku ruhande i Burundi, hari icyo kibazo na none cy’amashyaka. Kuko abantu baravuga bati “noneho abangaga PALIPEHUTU nibahindure Itegekonshinga noneho PALIPEHUTU na yo izemo.

Bon, Aba FRODEBU na bo bari bamaze ku... kubona imbehe hafi, hein inda iri hose, ibiri mu Rwanda n’i Burundi na ho birahari. Na bo bakumva na bo ibintu birabayobeye. Ugasanga rero icyo kintu na cyo ... icyo kibazo na cyo kirabahangayikishije. Kandi nk’uko navuganye na... na Kossan, KABURA Kossan ukomanda ingabo za PALIPEHUTU yambwiye yuko koko icyo kibazo kiriho kandi ko ee... na cyo bashaka kugira ngo bakivugurure.

Ubundi uko NDADAYE yari yabigenje, abantu bari bakaze muri PALIPEHUTU yari yagerageje kubiyegereza abaha imyanya. Abahaye imyanya baratuzza, ubwo noneho FRODEBU itagira ibibazo. Ariko rero ubu yacitse intege, birumvikana ko yacitse intege, umutwe wayo waracitse n’ubwo bagerageje kuyisanasana batora abandi bantu bashyashya, za comités ... ariko abantu si ba bandi nyuma kandi conditions ntabwo zikiri zimwe. Ubwo rero nyine icyo kibazo na none kirahari, ku buryo ubona i Burundi amaherezo icyo kibazo cy’Abahutu na none mu bandi na cyo gihari. Mperuka ari babiri gusa, ikibazo cy’Abahutu n’Abatutsi, ikibazo cy’Abahutu na bo ubwabo na bo bashaka kurya abari muri PALIPEHUTU no muri... abari muri FRODEBU, ariko uboshye uvuga uti mwari mwanyibye n’ubundi narababwiraga, ibibazo ntitwari twabirangije mwiroha mu bibazo none birabahitanye, nimutureke natwe twigeragereze (inaudible) ibintu nk’ibyo mbese ni aho ngaho ibintu bigeze.

Hanyuma rero BIKOMAGU rero ni muntu ki? BIKOMAGU ni muntu ki? Ni umuntu uteye amatsiko cyane. Buretse twumve agace k'iyi ndirimbo mbabwire BIKOMAGU mwumve n'ibyo twavuganye.

... abambuye ubuzima abandi, ababigamije na bo turabamaganye. Abo na bo rero Imana irabareba. BIKOMAGU rero ni muntu ki? Liyetona Koloneli BIKOMAGU? Ni umusirikare ubu utegeka ingabo z'u Burundi. Ingabo z'u Burundi zijya... guca umutwe demukarasi BIKOMAGU ni we wakomandaga izo ngabo. Ni Umututsi w'i Buruli nk'abandi benshi ba officiers. Ni umugabo muremure w'inzobe, udafite inda, yewe n'izuru ntirikabije, amaso ye ni nk'ay' Abashinwa, urebye ee... yatebeyemo imbere ku buryo akanura asa n'u... n'uhengereza. Kuvuga biramugora. Kuvuga biramugora nk'uko muza namwe kubiyumvira. Hanyuma rero ikintu yatubwiye ariko mutaza kumva aha ngaha twaramubajije tuti ese wabona... wigeze ubonana na KAGAME? Ati "KAGAME rwose sindamubona uretse kuri za vidéos no kumwumva" ati "ariko nje sindamusuhuzza ku giti cyanjye" ariko mwumve noneho rero ahantu ... ahantu nyine bikomereye aravuga ati "par ailleurs ... mu gifaransa ati "par ailleurs c'était un bon garçon". Urumva rero ukuntu "par ailleurs c'est un bon garçon" ni ukuvuga ngo ee... ni ukuvuga, ngo "ibyo ari byo byose" ngo... ngo ni umu... ngo "ni umusore mwiza".

Uko gutangarira umuntu rero iyo utangarira umuntu birumvikana uba umukunze, ibyo akora uba ubishyigikiye n'ubwo wabihakana ka cumi ariko iyo utangarira umuntu ni ukuvuga ko uba uri umufana we.

BIKOMAGU rero ikintu umuntu amufataho cyo adahisha ubwo yarababwi... yaraturubwiye ati "ntabahenze KAGAME c'est un bon garçon n'ubwo ntari namubona". Ubwo rero ni ukuvuga yuko ni umufana wa KAGAME cyane. Murumva rero yuko mu Nkotanyi na we ee... abonye akanya yajyamo cyangwa se akanazifasha. Kandi yenda n'ubundi nta wubizi n'ubwo muza kumva abeshya.

BIKOMAGU rero naramubwiye nti BIKOMAGU rwose ko ingabo zakunaniye zigakora amarorerwa zi... kandi ari wowe uzi... uzirinda nako uzicunga, ukaba ubona amarorerwa uko

angana ko uri umuntu w'umugabo wakweguye. Ya! Yari andigase. Ha! Ati "uwahaye ... yagira uwegura. Bon, muraza na byo kubyiyumvira.

Hanyuma... twamubajije ibibazo byinshi nari kumwe n'abanyamakuru benshi, hari uwa Televiziyo y'u Rwanda witwa Vénuste KAYIHURA, uwa Radiyo Rwanda MUSABIREMA Sipiriyani, hari... nanjye wa RTL, HABIMANA Kantano, hari umunyamakuru wa Kinyamateka, NKUBILI Sylvestre, hari n'umunyamakuru w'Isibo MUSANGAMFURA Sixbert.

Hanyuma rero... uko tugiye kubaza BIKOMAGU ee... ni ukwitonda kuko avuga... uretse no kurimanganya ariko anavuga anarandaga ee... ashaka kudedemanga ee... hanyuma rero ubwo ngubwo nyine, aho akorera rero muri Etat-major, yabanjye kuvuga yuko azatwagirira mu kigo cy'abasirikare ubwoba butangira kutwica tuvuga tuti ntabwo bishoboka ntabwo twahikura, noneho atwemerera ko yatwagirira muri Etat-major.

Etat-major rero iri mu mujyi wa Bujumbura, ahantu ikikijwe n'ibyatsi mu kantu k'agashyamba ee... urebye uretse abasirikare benshi banyuranamo ariko harinzwe n'abasirikare bane. Uragenda bakagukingurira. Ariko ngo yari yababwiye ngo "muzereke Abanyarwanda yuko mu ikigo cyacu ari transparent mbese ko nta kihakorera kibi kigamije u Rwanda". Ngo ni ko yari yabanje kubateguza. Noneho batwakira rero baseka ngo "ntimureba ko iwacu umuntu yinjira uko ashatsel! Nta migambi mibi ee... ihaba".

Noneho rero tumaze kubonana na BIKOMAGU akituramutsa, ni bwo yavugaga ngo "aha"! Ngo "aha ngaha se" ngo "ntimuvugaga yuko" ngo "mpategurira" ngo "jye na KAGAME" ngo "imigambi yo gutera u Rwanda"! Nuko aseka, nta n'ubwo akunda guseka cyane ariko nyine yashakaga ngo gusa n'udusetsa ubwo yagira ngo akore humour ee... nuko noneho tuti bon, tuti turabyiboneye noneho nta yo wo kagira Imana we ariko tubone twikuye aha.

Ubwo rero nuko turicara, BIKOMAGU rwose yamaze kudushyira à l'aise twumva... nta kibazo, nuko dutangira kumubaza ibibazo. Uko abisubiza biteye agahinda. Ni cyo cyerekana yuko ibyo byigomeke by'abasirikare b'Abatutsi b'i Burundi byabuze ubifata biri aho byose biridegembya,

kandi ikintu birimo bikora ubu ni ugushaka guhisha ukuri. Namwe muze kunyumvira nka BIKOMAGU uyu nguyu, twaramugoragoje mu kinya... mu kinyarwanda, twaramugoragoje mu gifaransa, ariko nta kintu na kimwe yadushubije. N'iyi bazana rero commission mpuzamahanga ya hehe, n'iyi bazana iki, nta kintu kizima bazakuramo, uretse kuvuga ngo yenda ngo "ababishe" ngo "bariyahuye", ngo nta ubu... ngo "nta wakomanze ibyo", ngo "nta ki", kandi umuntu abona neza ko wari umugambi ukomeye.

Maze rero ne kubatindira, mwumve Liyetona Koloneli BIKOMAGU utegeka ingabo z'abasirikare ee... rwose washyizwe mu majwi mu bashatse guhirika ... nako mu bahiritse ee... Nyakwigendera NDADAYE kuko na we ariyemerera ko hari abantu benshi yarekuye, ati "nimwigendere" nka Madamu NDADAYE ati "igendere", nk'uwari ushinze protocole ati "ngaho igendere". Noneho twamubaza tuti ese kuki utashoboye noneho kurekura NDADAYE? Muraza kumva ibintu avuga, rwose ni ibindi bindi.

Ee... maze rero ba...vandimwe mwumva Radiyo RTLTM muri make ni ayo makuru nabakuriye i Bujumbura, ubu ngiye kubumvisha ee... noneho BIKOMAGU, Liyetona Koloneli BIKOMAGU uteye amatsiko. Mwumve ibintu avuga, nimwumva harimo ukuri namwe muzaba mumbwira, ibyo ari byo byose muraza kumva ko ni ho umuntu atashobora u... afitiye icyizere gike yuko bariya babisha bazatahurwa cyangwa se bakigera igihe bafungwa, kuko urababona koko bidegembya bumva ubutegetsu babufite kuzageza ryari ku buryo umuntu batifuza, batishimiye ni hahandi azajya ajyaho bamugandagure. Ni ko jye nkeka. Ngaho mwumve BIKOMAGU.

**Orateur : Un journaliste non identifié**

Ee... mu ijoro ryo ku wa makumyabiri rishyira uwa makumyabiri na rimwe Ukwakira ee... mu Burundi mwagize ibyago byo guheba Umukuru w'igihugu cyanyu, mwaba... mwatubwira uko ibyo bintu ...byaba byaragenze, uko mubizi?

**Orateur : Le Lieutenant Colonel BIKOMAGU**

Ica mbere co co ni uko nobanza kubwira Abanyarwanda yuko boba barambesheye. Abanyarwanda biyumviye yuko bavuze yuko ari njewe noba narashatse gukura Umukuru w'igihugu ku butegezi. Nshaka kubanza kuvuga yuko ivyo atari vyo kuko njewe Umukuru w'igihugu naramukunda cane, sinovuga ko yari umugenzi wanjye mugabo twarakoranye ivyo bintu vyerekeye kurondera demokarasi ino aha mu Burundi, hanyuma ee... mbere yi... mbere yo mu kwandika Constitution, mu kirundi bayita Ibwirizwashi... shingiro ni ho twari kumwe, jewe muri icyo comission narimwo, hanyuma igihe ivyago vyashika ee... nta co vyashitse ntabizi, birangora cane hanyuma ndagerageza uko nshobora kose kugira nkingire Umukuru w'igihugu. Hanyuma bishika n'aho mbere nosigaho ubuzima bwanje. (Chanson)

**Fin de la face A.**

**FACE B**

(Suite de la chanson)

**Orateur : Le Lieutenant Colonel BIKOMAGU**

... biragorana bosi bigoranye... nkibwira yuko ingorane zamaho mu gihugu gushika aho ijoro nakoze uko nshobora kose gushika uno munsu kugira ngo ubutegetsi ndabusubize intwari yatowe ee... n'abanyagihugu.

**Q. :** Muri iryo joro byagenze bite (inaudible)?

**BIKOMAGU:** Ee... nokubwira ivyo... ivyo vyagenze muri iryo joro ni ibintu vyinshi cyane sinokubwira ingene icintu cose cagenze, icyo nzi ni uko icya mbere cyose cyari cyari... nk'Umushikiranganji wo kwivuna abansi n'Umunyamabanga ee... wo hagati mu gihugu ajejwe ivyo ... ajejwe ivy'umutekano hagati mu gihugu twagerageje tware... njewe na... nari en liaison avec eux... hanyuma... ivyo rero nk'uko bitege... bitegerezwa gukora igihe cose habaye ingorane nje naramuka (inaudible) no muri Etat-major hanyuma abantu... abagumutse, abasirikare bagumutse baje kurasa ku kiyinda c'umukuru w'igihugu. Hanyuma ndatanga amategeko yose akenewe, mbe novuga ko n'imbere nari nayatanze. Nari nayatanze mbere y'uko batagereza kurinda kurusha ikiyinda c'umukuru w'igihugu. Mbese nk'aha hanyuma ndagerageza uko nshoboye kose kugira ngo ndinde umukuru w'igihugu nta... ntarangire ... ntahure n'isanganya. Vyakabaye kera ndaraha ngenda mu ikambi yarinda umukuru w'igihugu duhuriramwo...yo n'Umunyamabanga ajejwe ivy'umutekano hagati mu ... mu gihugu (inaudible) donc Secrétaire d'Etat à la défense chargé de la sécurité intérieure. Turagerageza uko dushobora gushika aho umukuru w'igihugu adusangaye hanyuma bira... biragorana abantu... bagomoka bagumuka mugabo twabwira turagerageza uko dushoboye kugira ngo dushobore gukingira umukuru w'igihugu gushika aho binanirana, binaniranye mugabo twabwira turagerageza gusova umugenzi w'igihugu n'abantu benshi novuga bajejwe ... ba... bari mu ntwaro bakorana n'umukuru w'igihugu. Aha nshobora kuvuga nka Secrétaire na Chef du protocole w'umukuru w'igihugu.

**Q. :** Ubwo se nk'icyo gihe ko mwashoboye gusova Madamu wa Président n'uwari ushinzwe protocole, aho mwabajyanye ntimwashoboraga yenda no kuhajyana Président?

**BIKOMAGU:** Ni... ni nk'ivyo urazi yuko abagomotse bagumuka kurusha n'aho twabishobora twabigira vyose, mugabo ntitwabishoboye. Ntitwabishoboye kuko ivyo twashoboye vyose twarabigize. Twe twashakaga kubasova bose.

**Q. :** Mbega muri iki gihe murabona ko mu Burundi hari... ari mu bihugu bike hagikorwa za coup d'Etat amaraso akameneka mu gihe mu isi hari inkubiri ya demukarasi, mwebwe kuba mushinzwe ingabo z'Uburundi mubibona mute? Murabitekerezaho iki?

**BIKOMAGU:** Aha nosaba Abarundi n'Abanyarwanda ko botera imbere, ikintu cibi cane maze kubona muri ibi bihe ni uko Abarundi benshi n'Abanyarwanda batari bake demukarasi itaracengera. Haracari ibintu vy'amacakubiri. Ntivyumvikana ingene umukuru w'igihugu w'Uburundi apfa i Bujumbura abantu bose mu gihugu bagaca batemana. Aho rero novuga Abarundi kuko mu Burundi bariyo n'Abanyarwanda ni co cimwe, Abahutu n'abanya... n'Abatutsi baca batemana bapfa ubwoko. Twosaba rero yuko Abatutsi, Abahutu, Abatwa haba ubumwe muri iki gihugu. Habaye ingorane ee... zerekeye ibintu vy'intwaro bigashikira a... abantu ee... bajejwe ivy'intwaro. I... abantu b'abasirikare nta bintu vy'intwaro turimo ni ko mu i... mu... mu Ibwirizwashingiro ry'iwacu ibintu vy'intwaro ntitubijamo.

